# حكم السحر والكهانة

**سماحة الشيخ عبد اللّه بن عبد العزيز بن باز** رحمه الله

قام بترجمته إلى الكينيا رواندية

**الشيخ هكيزيمانا حسن**

# ITEGEKO RY'UBUROZI N'ABAPFUMU N'IBYEREKERANYE NABYO

*Cyanditswe na*

**Sheikh Abdulahi Ibun Abdul Aziz Ibun Baz**

**Cyasobanuwe mu Kinyarwanda na**

***SHEIKH HAKIZIMANA Hassan***

طبع على نفقة وصية خولة دخيل الجسار رحمها الله (دولة الكويت) بإشراف اتحاد علماء إفريقيا

***CYACAPISHIJWE KU NKUNGA NDAGANO YA KHAWLAT DAKHIIL AL JASSAR-ALLAH AMUGIRIRE IMPUHWE-(MU GIHUGU CYA KUWEIT) BIHAGARARIWE N'IHURIRO RY'ABAMENYI BA AFURIKA***

2016/1437

Ishimwe n'ikuzo byuzuye bikwiye Imana yonyine , Amahoro n'imigisha by'Imana bisakare ku muhererezi w'Intumwa Muhammadi . Nyuma y'ibyo,,,

Bitewe n'ubwinshi bw'abapfumu mu bihe bya nyuma muri babandi bibwira ko ari abavuzi , no kwifatira rubanda rugufi rwokamwe n'ubujiji .

Mu rwego rwo kugirana inama nasanze ari ukujya inama ku Mana n'abagaragu bayo kugaragaza ububi by'ibyo bikorwa kuri Islamu no ku bayisilamu kuko harimo ibangikanyamana no kunyuranya n'itegeko rye n'itegeko ry'Intumwa ye Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigsha ).

Ntangiye nsaba inkunga ku Mana ngira nti biremewe kwivuza nkuko abamenyi babyemeje , bityo umuyisilamu ajya kwa muganga uvura indwara zo mu nda cyangwa se ibikomere cyangwa ingingo n'izindi ndwara kugirango asuzumwe ahabwe imiti yemewe igendanye n'uburwayi afite nkuko izwi mu buganga, kubera ko ibyo biri mu rwego rwo gushyiraho Impamvu bisanzwe ubundi ukiringira Imana .

Imana ikaba yarazanye uburwayi igashyiraho n'umuti wabwo bizwi n'ababifitiye ubumenyi kandi n'abatabifitiye ubumenyi ntabyo bazi ariko na none nuko Imana itashyize umuti w'abagaragu be mu byo yaziririje.

Umurwayi ntiyemerewe kujya kwivuriza mu bupfumu ba bandi biyita ko bafite ubumenyi bw'ibitagaragara kugirango bamenye uburwayi bwe.

Nkuko nanone umurwayi atemerewe kwemera ibyo bamubwiye kuko bavuga ibyo amadjini aba yamubwiye kandi muri ibyo bikorwa bifashisha amadjini kugerango bagere kubyo bifuza , bityo abantu nkabo itegeko ryabo ni uko ari ubuhakanyi n'ubuyobe mu gihe bigaragaje ko bafite ubumenyi bw'ibitagaragara.

Mu mvugo yakiriwe na Muslimu ko Intumwa y'Imana yavuze iti : **(( UZAJYA KU MUPFUMU AKAGIRA ICYO AMUBAZA , NTAZAKIRIRWA ISENGESHO RYE MU GIHE CY'IMINSI MIRONGO INE.))**

Biturutse kuri ABU HURAYRAT ( Imana imwishimire ) : Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yaravuze iti : **(( UZAJYA KU MUROZI AKEMERA IBYO AVUZE UWO ABA AHAKANYE IBYAHISHURIWE MUHAMMAD ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ))** Yakiriwe na Abu Dawudi isohorwa Abagendera kuri suna bane maze Al Hakim arayemeza Intumwa y'Imana yaravuze mu yindi mvugo **(( UZAJYA KU MUPFUMU CYANGWA SE KU MUROZI AKEMERA**

**IBYO AVUZE UWO ABA AHAKANYE IBYAHISHURIWE INTUMWA MUHAMMAD ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ).**

Biturutse na none kuri Imrani mwene Hussaini ( Imana imwishimire ) yavuze ko Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) : **(( NTARI MURI TWE UZATINYA UMWAKU CYANGWA YIZERA KO UBAHO CYANGWA SE AKARAGUZA YIZERA IBY'ABAPFUMU CYANGWA SE AROGA ANAROGESHA, UZAJYA KU MUROZI AKEMERA YIZERA IBYO AMUBWIYE AZABA AHAKANYE UBUTUMWA BWOSE BWAHISHURIWE INTUMWA MUHAMMADI ( Imana imuhe amahoro n'imigisha )** Yakiriwe na Al Bazari ku ruhererekane runoze.

Muri izi mvugo ntagatifu hakubiyemo kubuza kugana no kujya ku bapfumu, Abapfumu abarozi n'abandi nkabo no kugira ibyo ubabaza no kwemera ibyo bavuga n'ibyo babasezeranya, Icyangombwa ku bayobozi n'ababwiriza ibyiza ndetse n'abandi bafite mu inshingano n'ububasha gukumira no kwamagana ndetse no kubuza kugana abapfumu n'abarozi n'abandi nkabo , bakabuza ibyo bikorwa n'ikwirakwiza ryabyo mu masoko n'ahandi , Kurwanya no gukumira iby'abapfumu mu buryo bukaze cyane, uko ari nako hakumirwa abaza babagana , bikaba bitemewe kugira ibyo yemera muri bimwe mu bikorwa byabo , bikaba bitemewe kandi ko abantu benshi babagana kuko n'ababagana akenshi aba ari injiji badasobanukiwe bikaba bitanemewe kubaba hafi no kubaganiriza kuko Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yabujije kubagana no kugira icyo wababaza ndetse no kwemera ibyabo kuko ibyo bifatwa nk'icyaha gihambaye cyane ndetse gifite ingaruka zikaze ndetse n'inkurikizi isuzuguritse kubera ko bo ni abahakanyi b'abanyabinyoma,

Na none muri izi mvugo z'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) harimo gihamya zerekana ko umupfumu n'umurozi ari abahakanyi kuko bombi biyitirira ko bafite ubumenyi ku byihishe, kuko ntibabasha kugera ku byifuzo byabo usibye ko bifashisha amadjini no kuyagaragira iryo akaba ari ibangikanyamana kandi na wa wundi uzemera ibyo biyitirira byo kumenya ubumenyi bw'ibyihishe uwo nawe aba ameze nkabo, kandi uwo ariwe wese uranzwe n'ibi bikorwa uwo amenye ko Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yitandukanyije nawe kandi ntibyemewe ku muyisilamu kuba yakwemera kwivurisha ibifitanye isano n'ibangikanyamana n'ibindi nkabyo byaba bikorwa kuko ibi byose bituruka ku bapfumu no gushuka abantu , kandi uzabyishimira azaba abashyigikiye anabateye inkunga ku kinyoma n'ubuhakanyi byabo , nkuko nanone bitemewe

ku muyisilamu kubagana ababaza akaba yababaza uwo umwana we azarongora cyangwa se wo mu mumuryango we wa hafi cyangwa se akabababaza abasobanuza ibyazaba hagati y'abashakanye n'imiryango yabo bombi nyuma yo gushakana kwabo ku rukundo, kuzuzanya, umubano mubi cyangwa se ugutandukana kwabo n'ibindi nk'ibi , kuko ibi byose biri mu bumenyi bwihishe nta wundi wabumenya uretse Imana Nyir'ubutagatifu.

Uburozi ni igikorwa cy'ubuhakanyi kizira , nkuko Imana Nyir'icyubahiro ibivuga ku bamalayika babiri mu gice cya kabiri cya Qoran ( Suratu Al baqara ).

**(( KANDI NTAWE BIGISHAGA N'UMWE USIBYE KO BAMUBWIRAGA BATI MU BYUKURI TWE TURI IKIGERAGEZO BITYO NTUHAKANE [1]**

Iyi mirongo mitagatifu iragaragaza ko uburozi ari igikorwa cy'ubuhakanyi kandi ko abarozi batandukanya hagati y'abashakanye , na none kandi iyi mirongo iragaragaza ko uburozi nta kamaro kabwo kandi ko bushobora kugira icyo butwara ku bushobozi bw'Imana kuko Imana niyo yaremye icyiza n'ikibi.

Inyigisho ziratangwa zigaragaza ububi bw'uburozi ndetse n'abarozi bagiye biga ubwo bumenyi bugafatwa nk'umurage bakuye ku babangikanyamana maze icyo kinyoma bagikwirakwiza mu banyantegenke badafite ugutekereza nabo kirabacengera, mu byukuri turi ab'Imana kandi iwayo niho tuzasubira , Imana iraduhagije niwe wo kwiringirwa uhebuje.

Nkuko na none uyu murongo ugaragaza ko abiga uburozi mu byukuri ubwo bumenyi nta kamaro kabwo ahubwo ni ububagiraho ingaruka kandi imbere y'Imana abo bantu nta mahirwe nta n'igeno bazabona.

Iri akaba ari isezerano rikomeye rigaragaza igihombo bafite ku isi no ku munsi w'imperuka kandi ko bigurishije ku giciro giciriritse ( Barihuguje ).

Bityo Imana yarabavebye muri Qoran : **(( KANDI IBYO BIHITIYEMO NK'INGURANE NI BIBI , IYO BAZA KUBA BABIZI [2] ))**

Turasaba Imana ubuzima n'amahoro kugirango aturinde ibibi by'abarozi n'abapfumu n'abandi bakora ibikorwa nk'ibyo, Nkuko na none dusaba Imana Nyir'ubutagatifu ko yarinda abayisilamu ububi bw'abarozi n'abapfumu akanarinda abayobozi b'abayisilamu kwirinda abarozi n'abapfumu bagafatirwa ibihano hubahirizwa itegeko ry'Imana kuri bo kugirango haboneke ituze ku bagaragu

---

[1] Qoran Surat ya 2 Ayat ya 102
[2] Qoran Surat ya 2 Ayat ya 102

b'Imana ku ngaruka z'uburozi n'ibikorwa byabo bibi, Imana ni nyir'ubuntu butangaje.

Imana ikaba yarategetse abagaragu bayo abagaragariza uburyo bakwirinda bakivuza mu gihe bagaragaweho no kurogwa ibyo byose bigaragaza impuhwe Imana ifitiye abagaragu be n'ineza kuri bo ndetse no kubagaragariza ingabire yabagabiye zuzuye kuri bo .

Hakuriyeho kugaragaza uburyo wakwirinda ukikinga ububi bw'uburozi mbere y'uko ufatwa nabwo ndetse no kugaragaza uburyo wakwivuza nyuma y'uko ufatwa n'uburozi hakoreshejwe uburyo bwemewe n'idini.

Kwirinda no kwikingira ububi bw'uburozi ikiruta byose ni ukwifashisha intwaro y'ubusabe no gusingiza Imana mu buryo bwemewe n'idini n'ubusabe butandukanye no kwikinga ku Mana , muri ubwo buryo harimo gusoma ( AYATU AL KUR'SIYI ) nyuma ya buri sengesho ry'itegeko nyuma y'uko umaze gusingiza Imana umeze gusuhuza , urangije isengesho, na none kandi kuyisoma mu gihe cyo kuryama , kandi **AYATU AL KUR'SIYI** ni imwe mu mirongo ihambaye ya Qorani ntagatifu ariyo iyi **: (( ALLAHU LA ILAAHA ILA HUWA AL HAYUL QAYUM, LA TA'AKHUDHUHU SINATUN WA LA NAW'MU, LAHU MA FI SAMAWATI WA MA FIL AR'DWI , MAN DHA LADHI YASH'FAU IN'DAHU ILA BI IDH'NIHI YAALAMU MA BAY'NA AY'DIHIM WA MA KHAL'FAHUM WA LA YUHITWUNA BISHAY'IN MIN IL'MIHI ILA BIMA SHA – A WASIA KUR'SIYUHU SAMAWATI WAL AR'DWA WA LA YA-UDUHU HIF'DHWUHUMA WA HUWA AL ALIYU AL ADHWIIM[3] .))**

Na none hari igisomo:

**(( QUL HUWA LLAHU AHADUN …[4] . ))**

Na

**(( QUL AUDHU BIRABIL FALAQI…[5] . ))**

Na

**(( QUL AUDHU BIRABI NASI…[6] . ))**

Iyi mirongo isomwa nyuma ya buri sengesho ry'itegeko ndetse ibi bice bitatu bya Qoran byavuzwe bigasomwa inshuro eshatu eshatu mu ntangiriro y'amanywa nyuma y'isengesho ryo mu museke, no mu ntangiriro y'ijoro nyuma y'isengesho ry'umugoroba.

Na none hasomwa imirongo ibiri ya nyuma yo gice cya kabiri mu ntangiriro y'ijoro ariyo : **(( INTUMWA Y'IMANA YEMEYE**

---

[3] Qoran Surat ya 2 Ayat ya 255
[4] Qoran Surat ya 112 Ayat ya 1-4
[5] Qoran Surat ya 113 Ayat ya 1-5
[6] Qoran Surat ya 114 Ayat ya 1-6

**IBYO YAHISHURIWE BITURUTSE KWA NYAGASANI WE N'ABEMERAMANA NABO BARABYEMERA, BOSE BEMERA IMANA ,ABAMALAYIKA BE , IBITABO BYE , N'INTUMWA ZE, NTAWE DUTANDUKANYA MU NTUMWA ZE , BARAVUGA BATI TURUMVISE KANDI TURUMVIYE , UKUBABARIRA NI UKWAWE NYAGASANI WACU KANDI IWAWE NIHO HO GUSUBIRA [7] . ))**

Bikaba byarashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) aho ivuga iti : **(( UZASOMA AYATUL KUR'SIYI MU IJORO AZABA AKIRI MU BURINZI BW'IMANA KANDI SHITANI NTIZAMWEGERA KUGEZA BUKEYE .))**

Na none yaravuze ati : **(( UZASOMA MU IJORO IMIRONGO IBIRI YA NYUMA IRI MU GICE CYA KABIRI CYA QORAN IRAMUHAGIJE))** Igisobanuro cy'ijambo **''IRAMUHAGIJE''** , iyo mirongo iramuhagije ku kibi cyose. (Imana niyo ibizi)

Na none kwikinga ku Mana kenshi uvuga uti : **(( NIKINZE KU MAGAMBO Y'IMANA YUZUYE NGO ANDINDE IBIBI BY'IBYO YAREMYE.**

mu ijoro no ku manywa no mu gihe agize aho ajya yaba mu rugo, mu butayu mu kirere mu Nyanja , biturutse ku mvugo y'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho agira ati : **(( UZAJYA AHANTU MAZE AKAVUGA ATI : NIKINZE KU MAGAMBO Y'IMANA YUZUYE NGO ANDINDE INABI Y'IBYO YAREMYE, UWO NTA KIBI KIMUGERAHO KUGEZA AVUYE AHO HANTU.))**

Na none kandi mu ntangiriro y'amanywa n'ijoro umuyisilamu avuga aya magambo inshuro eshatu : **(( KU IZINA RY'IMANA WE IZINA RYE RITAJYA RIHUNGABANYWA N'ICYO ARICYO CYOSE KU ISI , MU KIRERE KANDI IMANA NIYO YUMVA IZI BYOSE.))** mu rwego rwo kubishishikarizwa n'Intumwa y'Imana Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) kandi iyo akaba impamvu y'amahoro mu kwirinda ikibi cyose.

Uku gusingiza Imana no kuyikingaho ni zimwe mu mpamvu zo kwirinda ububi bw'uburozi n'ibindi bibi kuri wa wundi uzita cyane mu gusoma ubu busabe afite ukuri muri we, ukwemera no kugirira Imana icyizere no kwikinga ku Mana no kwagura igituza cye agatuza nkuko gihamya zagiye zibigaragaza.

---

[7] Qoran Surat ya 2 Ayat ya 285

Bikaba na none ari intwaro ikomeye yo gukuraho uburozi ariko nanone hariho kwicisha bugufi imbere y'Imana no kuyisaba ko yagaragaza ingaruka zabyo igakuraho umubabaro.

Bumwe mu busabe bwashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) mu kuvura indwara y'amarozi n'izindi, Intumwa y'Imana yajyaga ikingira abasangirangendo be avuga ati : **(( Mana Nyagasani w'Abantu, Mukize iki kibi kuko ni wowe ukiza, nta n'umuti uretse umuti wawe kuko umuti wawe ntusiga ibisigisigi ))** Akabivuga inshuro eshatu.

Ndetse n'urukingo Malayika Djibril yakingije Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) mu mvugo igira iti: **(( Ku izina ry'Imana niyo nkuragije ngo ikurinde icyo aricyo cyose kikubangamiye, na buri wese na buri jisho bagufitiye ishyari, kandi Allah aragukiza, ku izina ry'Imana niyo nkuragije .))** akayisubiramo inshuro eshatu.

Ubundi buryo bwo kuvura amarozi na none nyuma yo gufatwa nabwo ni ubuvuzi bufute umumaro mu gihe hari ikimubuza gukora imibonano mpuzabitsina n'uwo bashakanye afata amababi y'ibyatsi byitwa sidri akabisya neza akoresheje ibuye cyangwa se ikindi yakoresha maze akabishyira mu kintu gifite isuku akabivanga n'amazi yarangiza agasomeraho **(( QUL YA AYUHAL KAFIRUNA[8] ..))**

Na **(( QUL HUWA LLAHU AHADUN[9]… ))**

Na **((QUL AUHU BIRABIL FALAQI [10].. ))**

Na **(( QUL AUDHU BIRABI NASI[11]… ))**

No gusoma imwe mu mirongo iri mu gice cya karindwi cya Qorani ariyo : **(( KANDI TWAHISHURIYE MUSSA NGO TA INKONI YAWE HASI , MAZE IHINDUKAMO INZOKA ITANGIRA KUMIRA IBYO BARI BATAYE HASI( BYAHINDUTSE NABYO UTUYOKA) NYUMA UBWO UKURI KUBA KURAGARAGAYE, NDETSE N'IKINYOMA KIBA KIRIGARAGAJE, NUKO BABA BARANESHEJWE, UBWO BABA BABAYE ABASUZUGURITSE [12]. ))**

N'imwe mu mirongo iri mu gice cya cumi ariyo : **(( FARAWO ARAVUGA ATI NIMUNZANIRE ABAROZI BOSE BASOBANUKIWE , BAMAZE KUZA MUSSA ARABABWIRA ATI MUTE IBYO MUTA , BAMAZE KUBITA , MUSSA**

---

[8] Qoran Surat ya 109 Ayat ya 1-6
[9] Qoran Surat ya 112 Ayat ya 1-4
[10] Qoran Surat ya 113 Ayat ya 1-5
[11] Qoran Surat ya 114 Ayat ya 1-6
[12] Qoran Surat ya 7 Ayat ya 117-119

**ARAVUGA ATI UBUROZI MWAZANYE IMANA IRABUGIRA IMPFABUSA , MU BYUKURI IMANA NTABWO IJYA ITUNGANYA IBIKORWA BY'ABANGIZI, KANDI IMANA ISHIMANGIZA UKURI N'AMAGAMBO YE N'UBWO INKOZI Z'IBIBI BYABABABAZA[13] .))**

No mu gice cya 20 **:(( BABWIRA MUSSA BATI URATA CYANGWA ABE ARI TWE DUTA MBERE YAWE , MUSSA ARABABWIRA ATI ABE ARI MWE MUTA HAHINDUKAMO UTUYOKA MUSSA ATANGIRA KUGIRA UBWOBA , TURAMUBWIRA TUTI WITINYA KUKO URABARENZE , TA IBIRI IBURYO BWAWE BIRAHITA BIGANZA IBYO BAKOZE , IBYO BAKOZE NI AMAYERI Y'UBUROZI KANDI UMUROZI AHO YATURUKA HOSE NTIYATSINDA [14] .))**

Nyuma yo gusoma ibyavuzwe mu mazianywaho inshuro eshatu andi mazi asigaye akayakaraba umubiri wose ku bushake bw'Imana indwara irakira , kandi bibaye ngombwa ko ayo mazi yakoreshwa inshuro ebyiri cyangwa eshatu nta kibazo kugeza uburwayi bukize.

Na none kandi kuvura amarozi ari nabwo buryo bw'ingenzi mu kuvura ni ugushyiraho umwete mu kumenya aho uburozi bwatabwe mu gitaka cyangwa se ku musozi n'ahandi iyo hamenyekanye bukurwayo icyo gihe ubwo burozi buba butagikoze.

Ubu ni uburyo bwagaragajwe mu kwirinda amarozi ndetse n'uburyo bwo kuyavura,. Imana niyo itungana.

Naho kuvura amarozi hakorwa ibikorwa by'abarozi bibegereza ku madjini nko kubaga n'ubundi buryo bwakoreshwa mu kuyiyegereza ntabwo byemewe kuko biri mu bikorwa bya shitani biri no mu ibangikanyamana rikuru.

Icyangombwa n'icy'ingenzi ni ukubyirinda, nkuko nanone bitemewe kuvura hakoreshejwe kubaza abapfumu n'abarozi ndetse no gukoresha bimwe mu byo bavuga kubera ko batemera Imana kandi akaba ari n'abanyabinyoma b'inkozi z'ibibi biyitirira kumenya ubumenyi butagaragara bakabikwirakwiza mu bantu, kandi Intumwa y'Imana yihanangirije kujya ku bapfumu kubabaza no kwemera ibyo bavuga nkuko byavuzwe bigaragazwa mu ntangiriro y'ubu butumwa.

Byashimangiwe n'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) yabajijwe kuri AN NASH'RAT aravuga ati **(( NI MU BIKORWA BYA SHITANI ))** yakiriwe na Imamu Ahmad na Abu Dawudi ku ruhererekane runoze.

Ijambo **AN NASH'RAT** ni uburyo bwo kuvura uwarozwe ariko akavuzwa mu buryo bunyuranye n'imyizerere y'idini ya Islamu.

---

[13] Qoran Surat ya 10 Ayat ya 79-82
[14] Qoran Surat ya 20 Ayat ya 65-69

Naho kuvura hakoreshejwe urukingo rwemewe mu idini n'imiti yemewe nta kibazo nkuko byavuzwe mbere.

**IBUN AL QAYIM** na **SHEIKH ABDU RAH'MANI IBUN HASSAN** ( Imana ibagirire impuhwe bombi ) Hari icyo babivuzeho ndetse hari n'abandi mu bamenyi bagize icyo babivugaho.

Imana niyo biri mu nshingano ze gutunganyiriza abayisilamu mu kubarinda ikibi , no kubarindira idini no kubaha gusobanukirwa no kwirinda icyo aricyo cyose cyatanduka n'amategeko y'idini.

Amahoro n'imigisha by'Imana bisakare ku mugaragu n'intumwa ye Muhammadi n'abo mu muryango we n'abasangirangendo be.

**CYAHINDUWE MU KINYARWANDA**
**NA**
**SHEIKH HAKIZIMANA HASSAN**

**USHINZWE IBWIRIZABUTUMWA KURI RADIYO VOICE OF AFRICA AKABA NA IMAMU W'UMUSIGITI WA AL FAT'H ( ONATRACOM )**

KIGALI / RWANDA